RWIYEMEZA.COM
Tel : +250788849310 / +250738849310 / +250725849310
Email : rwiyemeza@gmail.com

Amabwiriza agenga urubuga www.rwiyemeza.com

INDANGAGACIRO :

- Kwiyubaha mu mikorere, imyandikire, imivugire n’ imyifatire;
- Kubaha abafatanyabikorwa bose;
- Gukunda akazi no kubahiriza amategeko;
- Kunoza umurimo no guhanga udushya.

AMABWIRIZA AREBA ABAFATANYABIKORWA

A. Ibireba Uwamamariza Ku Rubuga:

I. Buri wese ufite ubucuruzi akora n’ibindi biteza imbere ikiremwamuntu n’Ibimukikikije ahawe ikaze ku rubuga.

II. Uwamamariza ku rubuga asabwa kuba ari inyangamugayo kandi afite indangagaciro za kimuntu.

III. Uwamamariza ku rubuga asabwa kwirinda gushyira ku rubuga amashusho, amagambo n’ubutumwa by’urukozasozi, ibisebanya n’ibihungabanya umutekano.

IV. Uwamamariza ku rubuga asabwa gushyiraho amakuru y’ukuri kandi byagaragara ko yashyizeho ibidahuye n’ukuri akabihanirwa hashingiwe kubiteganywa n’amategeko agenga igihugu yayatangarijemo;

V. Uwamamariza ku rubuga agomba kwihutira guhindura ibyo akora cyangwa aho akorera mugihe habayeho impinduka mu bikorwa bye yamamazaga ibi akabikora bitarenze umasaha makumyabiri n’ane izi mpinduka zikiba kugirango adatera urujijo kubasura urubuga.

VI. Mu gihe uwamamariza kuri uru rubuga ahagaritse ubucuruzi bwe asabwa guhita abimenyesha abashinzwe imicungire y’urubuga bitarenze amasaha makumyabiri n’ane nyuma yo guhagarika ibikorwa kandi mu gihe ibi bibaye igihe yari yaragennye cyo kwamamaza kitararangira, amafaranga ye ntabwo ayasubizwa.

VII. Uwamamariza ku rubuga asabwa gusoma no guha agaciro ubutumwa bumugezeho abwohererejwe n’abasura cg abayobozi b’urubuga kandi akabishyira mu bikorwa mu gihe byaba bifite ishingiro kandi abishoboye;

VIII. Mu gihe uwamamariza ku rubuga yaba ahuye n’ikibazo (technical problem) cy’imikorere idahwitse y’urubuga asabwa guhita abigaragariza ubuyobozi bw’urubuga bitarenze iminota itanu agihura n’ikibazo akoresheje telephone cg email kugirango gikemurwe mu buryo bwihuse hirindwa ko ibikorwa bye byo kwamamaza bitagenda neza nk’uko biba bikubiye mu masezerano.

IX. Ibikorwa binyuranye n’amategeko y’igihugu urubuga rukoreramo, umuco wacyo n’indangagaciro za kimuntu muri rusange ntabwo bishyirwa ku rubuga niyo bihagaragaye bihita bikurwaho n’abashinzwe imicungire y’urubuga.

X. Mu gihe uwamamaza ibikorwa bye yujuje kandi yubahirije ibiri mu masezerano byose ntawundi wemerewe kwinjira cyangwa guhindura ibyo yamamariza mumwanya yagenewe keretse uwo yaba yabihereye ububasha we kandi igihe yemerewe kumara yamamaza kigomba kubahirizwa.

XI. Mu gihe uwamamariza ibikorwa kurubuga akeneye ubufasha (technical support) cyangwa guhindura ibyo yamamaza abimenyesha abakuriye urubuga agafashwa ku buntu kandi mu buryo bwihuse mu gihe yaba abisabye akoresheje email address cg telefone yatanze kurubuga.

XII. Ubutumwa bwohererezwa uwamamaza bunyujijwe kurubuga bumugeraho ntakiguzi asabwe

XIII. Uwamamariza ku rubuga yamamaza mu rurimi rumwe azi neza hanyuma amakuru yashyizeho agahindurwa mu zindi ndimi zikoreshwa ku rubuga n’abakozi b’urubuga babishinzwe mu gihe kitarenze isaha imwe kandi ntakiguzi bisaba

XIV. Mu gihe abishoboye , abyumva kandi abyifuza, Uwamamaza ibikorwa bye agirwa inama yo kugura urubuga rwe rwihariye ruhuzwa n’uru rubuga rwiyemeza.com kugirango ibikorwa bye abyamamaze mu buryo bugari, bwimbitse kandi bwagutse.

XV. Uwamamaza ku rubuga agira uburenganzira busesuye mu gihe gusa yamaze gusinya no kubahiriza ibiba bikubiye mu masezerano aba yagiranye n’ubuyobozi bukuru bw’urubuga rwiyemeza.com.

B. Ibireba Usura Urubuga:

- Usura urubuga agomba kwirinda kwandika ubutumwa busebanya cyangwa butukana akubahiriza amategeko n’indangagaciro za kimuntu muri rusange;

- Usuye urubuga wifuje kohererezа ubutumwa urubuga cyangwa uwamamaza yasuye asabwa kwandika neza imyirondoro asabwa mbere yo kohereza ubutumwa kandi ikaba ari ukuri;

- Mu gihe usuye urubuga yaba atubahirije ibibujijwe kuri uru rubuga ntabwo bireba abashinzwe imicungire y’urubuga cyakora mu gihe yaba abashije kumenyekana yabibazwa akanakurikiranwa n’amategeko ku giti cye.

Ikitonderwa 1 :

Amakuru, amashusho n’ibindi byagaragarira ku zindi mbuga ziba zarahurijwe kuri rwiyemeza.com bibazwa gusa banyiri izo mbuga byaba ngombwa bakabazwa cyangwa bagakurikiranwa n’amategeko ku giti cyabo mu gihe byaba binyuranije nayo.

Ikitonderwa 2 :

Urubuga rwiyemeza.com rucungwa n’ikigo cy’ubucuruzi rwiyemeza Ltd, rukaba ari igihangano kirinzwe kandi kibungabunzwe mu buryo bw’amategeko mu miterere no mu mikorere mu rwego rwo kururinda kwiganwa n’uwariwe wese atabiherewe uburenganzira. Uru rubuga kandi rukazakomeza kwagurwa mu mikorere no muri serivise zitangirwaho hagamijwe guteza imbere ikoranabuhanga, kurwanya ubushomeri n’ubujiji; guteza imbere ubucuruzi n’ubukungu byo soko y’iterambere rirambye.